**Ikinyarwanda**
**PK**
**30/06/2025**
**1:30 PM – 3:30 PM**

**Inomero yuzuye y'umunyeshuri**

| Intara/ Umujyi | Akarere | Umurenge | Ishuri | Ikiciro | Umunyeshuri | Umwaka |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | |

**Amazina y'umunyeshuri**

**Izina ryawe bwite:**........................................................

**Ikitonderwa:** INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE **BIGOMBA** KWANDIKWA NK'UKO BYANDITSE KU IFISHI Y'UMUNYESHHURI.

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA 2024-2025

# IKINYARWANDA

**Igihe kimara: Amasaha abiri**

**Amanota:** /100

**Amabwiriza:**

1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2) Ikizamini kigizwe n'**ibibazo makumyabiri (20)**. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibibazo byose byuzuye.
3) Ikizamini kigizwe n'ibice bine:

| | |
|---|---|
| **Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko** | **(amanota 30)** |
| **Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo** | **(amanota 25)** |
| **Igice cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'ururimi** | **(amanota 30)** |
| **Igice cya kane: Ihangamwandiko** | **(amanota 15)** |

4) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5) Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
6) Birabujijwe kugaragaza umwirondoro wawe ahatabugenewe.
7) Ukurikize amabwiriza ari kuri buri kibazo.
8) Koresha ikaramu y'**ubururu** gusa.



CamScanner

## KAMUHANDA NA KATABIRORA

Habayeho umugabo wari umucuruzi akagenda urugo ku rundi agurisha ibicuruzwa bye. Yari afite abana benshi bikamusaba gukora cyane ngo ashakishe ibibatunga. Abantu bari baramwise Kamuhanda kubera ko yahoraga agenda acuruza. Umunsi umwe, aza kugera mu mugi wari utuyemo umugabo witwaga Katabirora bari barabaye inshuti bakiri bato. Arahacumbika, biba amahire asanga nyiri urugo ari umucuruzi nka we. Nuko barakorana batangira kunguka. Nyamara uwo mugabo yari yarahindutse umunyamahugu mu bucuruzi bwe.

Igihe kimwe, ubwo bari bageze munsi y'igiti baruhuka, babara amafaranga bari bamaze kunguka, Kamuhanda abonye amaze kugira amafaranga menshi mu mufuka, abwira uwo mugenzi we ati: "Mbikira aya mafaranga." Barayabara, Katabirora ayajyana mu rugo iwe arayabika. Bakomeza gucuruza. Hashize iminsi, Kamuhanda ashaka gutaha. Niko kubwira mugenzi we ati: "Undebere ya mafaranga yange, ejo ndashaka gutaha." Katabirora abyumvise atera hejuru ati: "Ugire kuba warabaye mu nzu yange nkugaburira ku mafaranga yange, none aho kunyishyura ngo ninguhe amafaranga utambikije?" Kamuhanda abanza kugira ngo ni imikino. Ni ko kubaza Katabirora ati: "Ubwo se koko urakomeje? Ntiwibuka amafaranga naguhaye ngo umbikire twicaye munsi y'igiti kiri hirya hariya?" Umugabo ati: "Reka da! Ibyo uvuga simbyumva. Wambikije amafaranga wowe?"

Kamuhanda abonye bimuyobeye, yitabaza abayobozi. Bateranya abunzi babagezaho ikibazo cyabo. Bagerageje kubaza Katabirora uko byagenze, arahakana aratsemba, yemeza ko Kamuhanda nta mafaranga yamuhaye. Byababaje Kamuhanda cyane. Abunzi ni ko kubaza Kamuhanda bati: "Ese uyamuha nta muntu n'umwe wari uhari cyangwa ngo mube mwarakoranye inyandiko?" Kamuhanda ati: "Nta muntu n'umwe wari uhari. Twari tuvuye gucuruza twicara munsi y'igiti turuhuka. Nuko tubiganiraho nyamubitsa kugira ngo ntazayata cyangwa bakayanyibira mu nzira. Nari mwizeye rwose nk'inshuti kuko twabyirukanye dukundana."

Umwe mu bunzi wari usheshe akanguhe arabumva, nuko aramubwira ati: "Ndumva amaherezo urubanza rwawe ruri bugutsinde. Dore ndabona ufite terefone. Genda uge munsi y'icyo giti, uhicare. Nukiyoberwa uraba utsinzwe. Numara kuhagera ukicara uduterefone maze tukubaze ibibazo. Ubwo mu byo uri bube utubwira turabonamo ukuri cyangwa tuvumburemo ko utubeshya. Hari n'igihe icyo giti kiri bukubere



CamScanner

umugabo!" Kamuhanda arahagarara ariyumvira kuko yumvaga ibyo uwo mwunzi avuze bidashoboka, ariko ku bwo kubaha aragenda.

Amaze gutirimuka aho, wa musaza ukuriye inteko y'abunzi yitarura inteko gato amuhamagara kuri terefone maze aramubaza ati: "Ndizera ko warangije kugera munsi y'igiti. Wahageze?" Kamuhanda ati: "Oya sindahagera haracyari akanya kugira ngo ngereyo." Wa musaza aramubwira ati: "Cyo noneho ba uretse ngire icyo mbaza mugenzi wawe." Ahindukirira Katabirora aramubaza ati: "Ko avuga ngo yageze munsi y'igiti, urumva ari byo?" Katabirora arahakana ati: "Reka da! Sinababwiye ko uriya mugabo ari umubeshyi. Icyo giti kiri kure cyane ntashobora kuba yakigezeho kano kanya." "None se ko avuze ngo ni igiti cy'umuvumu, kiri hano hafi, na byo ni ukubeshya?" Katabirora noneho yiterera hejuru araseka cyane ati: "Mbega umubeshyi! Ndababwiza ukuri rwose icyo giti ni igiti cya avoka kiri haruguru y'umuhanda."

Nuko wa musaza abwira Katabirora ati: "None se ubwo ntiwivuyemo? Nta bandi bagabo dukeneye. Urarwiciriye. Ni gute wamenya icyo giti aho giherereye n'icyo ari cyo? Wakimenye rero kubera ko ari cyo mwari mwicaye munsi Kamuhanda aguha amafaranga." Katabirora n'uburyarya bwinshi acira amarenga wa musaza ngo barebe uko baheza ayo mafaranga cyanecyane ko ntawabonye Kamuhanda ayamuha, undi amubera ibamba. Ni ko kumucyaha n'umujinya mwinshi agira ati: "Zana amafaranga y'umuvandimwe wawe ureke ubuhemu." Nuko ahamagara Kamuhanda ati: "Igarukire, urubanza rwarangiye." Nuko Katabirora ajya mu nzu iwe, avanayo agapfunyika k'amafaranga, agahereza Kamuhanda.

Kamuhanda ashimira abunzi, ariko cyanecyane ashimira uwo musaza w'inararibonye, wamenye kugamburuza Katabirora akavuga ukuri yashakaga guhisha. Nuko abwira abari aho ati: "Cyo nimushake icyo dusangira maze niyunge n'uyu muvandiwe washatse kundiganya kuko burya [Umuti w'ubutindi ni ukwanga guhemuka!]"



CamScanner

## IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)

1) Zengurutsa akaziga ku gisubizo gikwiye ugendeye ku bivugwa mu mwandiko:

**(amanota 5)**

i) Kamuhanda uvugwa ni muntu ki ?
   a) Kamuhanda ni umugabo wagendaga mu ngo agura ibyuma bishaje.
   b) Kamuhanda ni umugabo wagendaga mu ngo agurisha imyenda yambawe.
   c) Kamuhanda ni umugabo wagendaga mu ngo agurisha ibitabo byinshi.
   d) Kamuhanda ni umugabo wagendaga mu ngo agurisha ibicuruzwa bye.

ii) Kamuhanda yahawe iryo zina kubera iyihe mpamvu ?
   a) Kubera ko yahoraga mu nzira ajya mu bucuruzi.
   b) Kubera ko iryo zina yari yararyiswe na se.
   c) Kubera ko yari afite inzu ku muhanda munini.
   d) Kubera ko ubucuruzi bwe yabukoreraga ku muhanda

iii) Ni iyihe mpamvu yatumye Kamuhanda yizera Katabirora akiyemeza kumubitsa amafaranga ye ?
   a) Kubera ko yatahaga iwe.
   b) Kubera ko bacuruzaga hamwe.
   c) Kubera ko bari inshuti kuva kera.
   d) Kubera ko yari umwe mu bunzi.

iv) Kubera iki Katabirora yiyemeje kuriganya Kamuhanda amafarânga yamubikije?
   a) Kubera ko bacuruzanyaga ku buryo atabona uko ayavangura.
   b) Kubera ko nta gihamya yari afite y'uko yayamubikije.
   c) Kubera ko yari yaramucumbikiye atamwishyuza.
   d) Kubera ko yumvaga ko atazabona aho amurega.

v) Ni iyihe mpamvu yatumaga Kamuhanda akora cyane?
   a) Ni uko yari afite abana benshi
   b) Ni uko yashakaga kunguka byinshi
   c) Ni uko yari afite ibintu byinshi
   d) Ni uko yari afite abaguzi benshi

2) Zengurutsa akaziga ku gisubizo gikwiye ukurikije ibivugwa mu mwandiko :

**(amanota 5)**

i) Ni iki wagaya kuri Katabirora ?
   a) Icyo namugayaho ni uko yabikiye Kamuhanda amafaranga ye.
   b) Icyo namugayaho ni uko yahaye Kamuhanda icumbi.
   c) Icyo namugayaho ni uko yacuruzaga na Kamuhanda.
   d) Icyo namugayaho ni uko yahuguje Kamuhanda amafaranga ye.



CamScanner

ii) Ni iki washima umwunzi mukuru ?
   a) Icyo namushima ni uko yaciye urubanza rubogamiye kuri Katabirora.
   b) Icyo namushima ni uko yacumbikiye Kamuhanda atamwishyuza.
   c) Icyo namushima ni uko atifatanyije na Katabirora mu buhemu bwe.
   d) Icyo namushima ni uko yagiriye Katabirora inama yo kujurira.

iii) Kubera iki Kamuhanda yahisemo kubitsa Katabirora amafaranga ntayibikire ?
   a) Yayamubikije kuko ari we wari umenyereye kubika.
   b) Yayamubikije kuko yatinyaga ko bazayamwiba.
   c) Yayamubikije kuko yari yamubanye menshi.
   d) Yayamubikije kuko yatinyaga ko yazayarya.

iv) Kuki umwunzi mukuru yabwiye Kamuhanda ko igiti gishobora kumubera umugabo ?
   a) Kubera ko ari cyo kimenyetso cyonyine Kamuhanda yari afite mu rubanza.
   b) Kubera ko ari cyo Katabirora yari yatanzeho umugabo mu rubanza.
   c) Kubera ko ari ho Katabirora yari yahishe amafaranga ya kamuhanda.
   d) Kubera ko icyo giti ari cyo cyagombaga gutanga ubuhamya mu rubanza.

v) Kamuhanda yitwaye ate mugenzi we amaze guhakana amafaranga yamuhaye?
   a) Kamuhanda yitabaje inshuti ze
   b) Kamuhanda yagishije inama Katabirora
   c) Kamuhanda yahisemo kuzihorera
   d) Kamuhanda yitabaje abayobozi

3) Subiza ukoresheje « **Ni byo** » cyangwa « **Si byo** » ukurikije ibivugwa mu mwandiko.

**(amanota 4)**

a) Katabirora yatsindishijwe n'uko yemeye gusobanura iby'igiti kandi yari yahakanye ko ntacyo abiziho. [ ]

b) Katabirora yabitse amafaranga ya Kamuhanda atabanje kuyabara. [ ]

c) Kamuhanda na Katabirora bari barabaye inshuti bakiri bato. [ ]

d) Uwaciye urubanza ni umwe mu bunzi wari ukiri muto. [ ]



CamScanner

4) Tanga amagambo yakoreshejwe mu mwandiko afite ibisobanuro bikurikira :

**(amanota 5)**

a) Umuntu wamenyereye kwambura, udashobora kwishyura amafaranga cyangwa ikindi kintu cyose yagurijwe, ushaka gutwara iby'abandi abeshya ko ari ibye :

..........................................................................................

b) Umuntu mukuru wabonye byinshi ku buryo yagira abandi inama :

..........................................................................................

c) Gihamya, umuntu cyangwa ikintu kemeza ibyabaye.......................................

d) Yigira hirya gato ya bagenzi be :..........................................................

e) Umuntu uzi gushishoza, wabonye byinshi bikamwigisha :................................

5) Tanga imbusane z'amagambo atsindagiye ari mu mwandiko : **(amanota 5)**

a) Nuko barakorana batangira **kunguka**.

..........................................................................................

b) Aramubwira ati : « Genda uge **munsi** y'icyo giti **uhicare**.»

..........................................................................................

..........................................................................................

c) Umwe mu bunzi **usheshe akanguhe** arabumva yitonze.

..........................................................................................

d) Uyu mugabo Katabirora twabyirukanye **dukundana.**

..........................................................................................

6) Uzurisha interuro zikurikira aya magambo dusanga mu mwandiko : ***ibicuruzwa, kunguka, gutirimuka, baheza.*** **(amanota 4)**

a) Bagiye inama kugira ngo barebe uko .................... Gatera amafaranga ye.

b) Kamanayo yaguze ikamyo yo kujya itwara .......................................... bye.



CamScanner

c) Yajyanye umwana mu kigo mbonezamirire asanga amaze........................ ibiro byinshi.

d) Warupyisi imaze ........................................... aho Bakame ihita igaruka.

7) Erekana amasomo abiri (2) ukuye muri uyu mwandiko? **(amanota 2)**

..........................................................................................................

..........................................................................................................

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)**

8) Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe ku magambo atsindagiye: **(amanota 9)**

a) Kamuhanda yari afite **abana benshi** bikamusaba gukora cyane.

..........................................................................................................

..........................................................................................................

b) Kamuhanda ati: "Nayamuhaye twicaye munsi y'**igiti** twenyine."

..........................................................................................................

c) Kamuhanda yahise akora **impamba** muri ayo mafaranga.

..........................................................................................................

..........................................................................................................

9) Subiza ukoresheje **"ni byo"** cyangwa **"si byo"** ugendeye ku ndango z'inshinga zitsindagiye zo mu nteruro zikurikira: **(amanota 3)**

a) Nkunda ibiryo **bitetse** mu nkono: Indango yemeza. [ ]

b) Hari abantu batazi ko izuba **riruta** isi. Indango ihakana. [ ]

c) **Dukora** imyitozo yo kwiruka buri munsi: indango ihakana. [ ]

10) Ijambo "akanyoni" risimbuze "ibinyoni" hanyuma ukore isanisha rikwiye:
Akanyoni gakunda kuririmba neza. **(amanota 4)**

..........................................................................................................



CamScanner

11) Amagambo atsindagiye ari mu zihe nteko? **(amanota 5)**

a) Kamuhanda yacuruzaga **ibintu** binyuranye agenda abizengurukana mu **ngo**.
(i) **ibintu : inteko ya** …… (ii) **ngo : inteko ya** ……….

b) Yamubwiye ko yumva amaherezo **urubanza** ruribumutsinde.

**urubanza: inteko ya** ……

c) Katabirora yari afitiye **ishyari** mugenzi we Kamuhanda.

**ishyari : inteko ya** ……

d) Katabirora araseka cyane ati: "Mbega **umubeshyi**!"

**umubeshyi : inteko ya** ……

12) Subiza ukoresheje **"Ni byo"** cyangwa **"Si byo"** ugendeye ku **ngiro z'inshinga** zo mu nteruro zikurikira: **(amanota 4)**

a) Abantu bari baramwise Kamuhanda. Ingiro **ntega**.

b) Abanyeshuri bigishijwe neza muri iki gihembwe. Ingiro **nkora.**

e) Katabirora yabonywe kera ko ari indyarya. Ingiro **ntega**.

f) Kamuhanda yitabaje abunzi. Ingiro **nkora**.

**IGICE CYA GATATU : UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)**

13) Subiza ukoresheje « **Ni byo** » cyangwa « **Si byo** ». **(amanota 2)**

a) Nta rindi jambo ritangira umugani muremure ritari « Kera hahayeho ».

b) Ibyivugo by'amahomvu biba bigamije gusetsa no kwidagadura.



CamScanner

c) Huza inshoberamahanga zikurikira n'ibisobanuro byazo ukoresheje akambi:

**(amanota 4)**

| *Inshoberamahanga* | *Ibisobanuro* |
|---|---|
| a) Guca kunda | i) gusitara |
| b) Guca ibiti n'amabuye | ii) gutamira byinshi mu gihe cyo kurya wungikanya |
| c) Guca amano | iii) kunywana |
| d) Gutera inogo | iv) kuzana inkubiri uhitana ibyo uhuye na byo mu nzira |

14) Subiza ukoresheje « **Oya** » cyangwa « **Yego** » kuri ibi bikurikira:**(amanota 5)**

a) "Ndi nyamugenda mu bimbere singenda mu b'inyuma ni nge nyambo yogeye!" Ni umugani mugufi. ☐

b) "Nyiramakangaza ngo mutahe!" Ni igisakuzo" ☐

c) "Utazi ubwenge ashima ubwe." Ni ikivugo cy'amahomvu. ☐

d) Igiti kigororwa kikiri gito. Ni umugani mugufi. ☐

e) Nyamutegerakazaza ni umugani muremure. ☐

15) Simbuza amagambo atsindagiye andi yabugenewe : **(amanota 5)**

a) Mu kiruhuko Sangwa akunze gusura **mushiki wa se**.

**mushiki wa se :** ...........................................................................

b) Ejo tuva ku ishuri twahuye na **musaza wa mama**.

**musaza wa mama :** .................................................................

c) Nkunda gukina n'**abana ba musaza wange.**

**abana ba musaza wange :**.........................................................

d) Mfite **nyina wa data** unkunda cyane.

**nyina wa data** : ........................................................................

e) **Umugabo wa mushiki wange** atuye mu Kabagari.

**Umugabo wa mushiki wange :** ..................................................



CamScanner

16) Huza amagambo akurikira n'ibisobanuro byayo: **(amanota 5)**

| | |
|---|---|
| a) Kurambagira | (i) umurambo w'umwami |
| b) Kwinikiza | (ii) intaho y'imbeba |
| c) umuheno | (iii) amashyi/ amasasu menshi |
| d) Urufaya | (iv) gutembera k'umwami |
| e) Umugogo | (v) gutangira gukama |

17) Huza ibisakuzo n'ibisubizo byabyo : **(amanota 4)**

| | |
|---|---|
| a) Sogokuru aryoha aboze ! | (i) Imbeho ku rugi |
| b) Nyiramakangaza ngo mutahe ! | ii) Igihumyo |
| c) Zenguruka duhure ! | (iii) Umuneke |
| d) Nshinze umwe ndasakara | (iv) Umukandara |

18) Uzuza imigani y'imigenurano ikurikira : **(amanota 5)**

a) ............................................................ karushya ihamagara.

b) Ikinyoni kigurutse ............................................................

c) ............................................................ mu iterura.

d) Akagabo gahimba ............................................................

e) Igiti kiswe umwana ............................................................

**IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)**

19) Andika itangazo ryo kubika mu izina ry'umuryango wa Kamuntu Yozefu, rimenyesha ko uwo Kamuntu Yozefu wari utuye mu Karere ka Kirwa, mu Murenge wa Kagaragara yitabye Imana, ubimenyesha abo bireba bose unagaragaza uko imihango ijyana no gushyingura izakorwa. Ukoreshe amazina ya Kamuntu Matayo



CamScanner

IHEREZO